Igisobanuro cyo kwemera ku bushake

Kwemera ku bushake ni icyemezo cyo gukora imibonano mpuzabitsina gifashwe n'abantu babizi, ku bushake kandi bakabyemeranyaho bombi. Kwemera bishobora gukorwa mu magambo cyangwa mu bikorwa, upfa kuba ayo magambo cyangwa ibikorwa bitanga uburenganzira bugaragaza ubushake bwo gukora imibonano mpuzabitsina. Guceceka cyangwa kutihagararaho, ubwabyo, ntibivuze ko uba wemeye. Igisobanuro cyo kwemera ntigihinduka bitewe n'igitsina cy'uvugwa, igitsina abo akunda bafite, igitsina avuga ko afite cyangwa imyitwarire ye ijyanye n'igitsina runaka.

Kwemera gukora imibonano mpuzabitsina cyangwa kubanza kwemeranya gukora imibonano mpuzabitsina n'umuntu uwo ari we wese ntabwo bivuze kwemera kongera gukora imibonano mpuzabitsina ikindi gihe.

Kwemera ni ngombwa hatitawe ku kuba umuntu uri kubisaba yanyoye ibiyobyabwenge cyangwa inzoga.

Umuntu ashobora kwemera mbere ariko igihe icyo ari cyo cyose nyuma akaza kwisubiraho.

Ntabwo umuntu ashobora kwemera igihe nta bushobozi abifitiye, ni ukuvuga igihe umuntu adafite ubushobozi bwo guhitamo gukora imibonano mpuzabitsina abizi neza. Kubura ubushobozi bishobora guterwa no kuba umuntu adafite ubwenge muri icyo gihe cyangwa asinziriye, afite ikimuzitira bitamuturutseho cyangwa uwo muntu ubusanzwe nta bushobozi afite bwo kwemera. Bitewe n'urugero rw'ibiyobyabwenge umuntu yanyweye, ni ukuvuga yanyweye inzoga, ibiyobyabwenge cyangwa ibindi bisindisha ibyo ari byo byose, ashobora kuba nta bushobozi afite bityo akaba adashobora kwemera.

Ntabwo bifatwa ko umuntu yemeye igihe abikoze kubera ko yashyizweho agahato, yatewe ubwoba, abikoze ku ngufu cyangwa yakangishijwe kugirirwa nabi.

Igihe umuntu yisubiyeho cyangwa nta bushobozi agifite bwo kwemera, imibonano mpuzabitsina igomba guhagarara.

Gusonerwa ku Myitwarire yo Kunywa Ibiyobyabwenge cyangwa Inzoga

Ubuzima n'umutekano bya buri munyeshuri wiga muri Rockland Community College bihabwa agaciro gakomeye cyane. RCC isanga abanyeshuri baba banyweye inzoga cyangwa baba banyweye ibiyobyabwenge (baba babinyweye ku bushake bwabo cyangwa atari ku bushake bwabo) mu gihe cy'ihohoterwa, nk'ihohoterwa ryo mu ngo, ihohoterwa umuntu akorewe n'uwo bakundana, kubuzwa amahwemo cyangwa bagafatwa ku ngufu batihutira kuvuga ibyababayeho kubera gutinya ingaruka z'iyo mwitwarire yabo. RCC irashishikariza cyane abanyeshuri kumenyesha abayobozi b'ikigo amakuru y'ihohoterwa ryo mu ngo, ihohoterwa umuntu akorewe n'uwo bakundana, kubuzwa amahwemo cyangwa gufatwa ku ngufu. Umuntu warebereye cyangwa umuntu utanze amakuru ajyanye n'ihohoterwa ryo mu ngo, ihohoterwa umuntu akorewe n'uwo bakundana, kubuzwa amahwemo cyangwa gufatwa ku ngufu bakayaha abayobozi ba RCC cyangwa abayobozi bashinzwe umutekano nta buryarya, ntibazigera bahanwa n'amategeko ya RCC's agenga imyitwarire kubera ko barenze ku mabwiriza abuza kunywa ibiyobyabwenge cyangwa inzoga maze icyo cyaha cy'ihohoterwa ryo mu ngo, ihohoterwa umuntu akorewe n'uwo bakundana, kubuzwa amahwemo cyangwa gufatwa ku ngufu byako kikaba cyarabaye barikunywa cyangwa bamaze kunywa ibyobyabwenge cyangwa inzoga.

Inyandiko y'Uburenganzira bw'Umunyeshuri

Abanyeshuri bose bafite uburenganzira bwo:

Guha amakuru abayobozi bashinzwe umutekano aho batuye cyangwa bakayaha polisi yo ku rwego rwa Leta;

Gutanga amakuru ajyanye n'ihohoterwa ryo mu ngo, ihohoterwa umuntu akorewe n'uwo bakundana, kubuzwa amahwemo cyangwa gufatwa ku ngufu kandi bigahabwa uburemere bifite;

Gufata icyemezo cyo gutanga amakuru ajyanye n'icyaha cyangwa kurenga ku mategeko cyangwa kutayatanga no kwitabira urubanza cyangwa gusabira uwabikoze ibihano bijyanye n'imyitwarire cyangwa kumujyana mu rukiko mpanabyaha kandi akabikora nta gitutu ashyizweho n'ishuri;

Guhabwa ubutabera, nta ruhande rubogamiweho kandi hagatangwa inyandiko zimenyesha ziboneye ndetse n'umwanya uhagije wo kwisobanura;

Guhabwa icyubahiro cyabo ndetse ishuri rikabaha serivisi z'ubuzima zinoze, zitabogamye kandi bakubahwa igihe bazihabwa, iyo izo serivisi zihari;

Kutumva ko umuntu utanze amakuru igihe hakozwe ibi byaha ndetse habayeho no kurenga ku mategeko afite amakosa cyangwa kumva ko hari icyo yari akwiye kuba yakoze kugira ngo ibyo byaha cyangwa uko kurenga ku mategeko bitabaho;

Kubwira abayobozi b'ishuri bake bishoboka uko byagenze ndetse no kudasabwa kongera gusubiramo uko byagenze nta mpamvu.

Kurindwa n'ishuri mu bushobozi bwaryo kuba bagirirwa nabi n'umunyeshuri uwo ari we wese, ushinjwa cyangwa uregwa cyangwa inshuti ze, umuryango we cyangwa abaziranye nawe mu rwego rwo kwihorera;

Kuba byibuze bashobora kujurira rimwe nyuma y'ifatwa ry'icyemezo;

Guherekezwa n'umujyanama bihitiyemo ushobora kunganira no kugira inama umuntu utanga amakuru, ushinjwa cyangwa uregwa mu rubanza cyangwa mu gihe cyo gusabirwa ibihano bijyanye n'imyitwarire ndetse no mu nama no mu gihe cyo kwisobanura bijyanye nabyo;

Guhabwa uburenganzira mbonezamubano ndetse no kuba mu idini bashaka batabangamiwe n'ipererereza, urukiko mpanabyaha, urubanza cyangwa gusabirwa ibihano bijyanye n'imyitwarire biri gukorwa n'ishuri.

Ubwo burenganzira umuntu abuhabwa hatitawe ku bwoko, ibara ry'uruhu, ubwenegihugu, idini, imyemerere, imyaka, ubumuga, igitsina, igitsina cy'uwo bagirana imibonano mpuzabitsina, imyitwarire ijyanye n'igitsina runaka cyangwa igitsina abo akunda bafite, icyiciro cy'umuryango we, kuba atwite, agaragaza imiterere runaka, isano afitanye n'igisirikare, yarakorewe cyangwa atarakorewe ihohoterwa ryo mu ngo cyangwa yarahamwe n'icyaha ndetse hatanitawe ku cyaha cyangwa ku kurenga ku mategeko ari muri kaminuza, hanze yayo cyangwa ubwo yigaga hanze.

Ufite uburenganzira bwo Kumenyesha Polisi ya kaminuza cyangwa Abashinzwe Umutekano muri kaminuza, abayobozi bashinzwe umutekano aho utuye cyangwa polisi yo ku rwego rwa Leta cyangwa guhitamo kutabamenyesha; kumenyesha ishuri ryawe ibijyanye n'ibyo byago; kurindwa n'ishuri kuba wahohoterwa kubera ko watanze amakuru ajyanye n'ibyo byago ndetse no guhabwa ubufasha n'ibikoresho n'ishuri.